



Funded by
the European Union



IMFASHANYIGISHO KU BUHINZI BW'URUSENDA



Gicurasi 2024

Ishakiro

1. Akamaro k’urusenda.....	2
2. Aho rukunda	2
4. Inyongeramusaruro zikenewe kuri ari imwe.....	3
5. Gutegura ingemwe mu buhumbikiro	3
6. Imirimo ikorwa mu kwita ku buhumbikiro.....	4
7. Gutera ingemwe.....	4
8. Imirimo y’ingenzi yo kwita ku gihingwa.....	5
9. Gusarura no gufata neza umusaruro	5
10. Indwara, ibyonnyi n’uburyo bwo kubirwanya	6

1. Akamaro k'urusenda

Urusenda ni igihingwa kibarizwa mu muryango w'ibisantobo kimwe n'inyanya, intoryi, puwavuro, ibirayi, n'ibindi. Urusenda rwakomotse mu gihugu cya Megizike.

Urusenda (*Capsicum frutescens*) ni rumwe mu birungo bikundwa na benshi, abenshi bavuga ko rubongerera ubushake bwo kurya, abandi bakavuga ko rutuma bumva ibyo kurya bibaryoheye kurushaho iyo babishyizemo urusenda.

Uretse kuba ari ikirungo rukarinjiza amafaranga, urusenda rwuzuyemo intungamubiri zitandukanye kandi rukagira umumaro wo kurinda indwara zimwe na zimwe. Urusenda rukungahaye ku ntungamubiri nkenerwa ku mubiri wa muntu zirimo amavitamini atandukanye nka A, B1, B2 B3, B6, C, E, ndetse n'imyungungu itandukanye nk'ubutare, manganese, na potasiyumu.

2. Aho rukunda

Urusenda rwera ahantu hashyuha (dogere 24-32) kandi hadafite ubukonje bukabije. Rukunda ubutaka bw'urusenye buvanze n'inombe cyangwa inombe irimo ifumbire ihagije muri cm 40 z'ubujyakuzimu kandi buseseka, bufite igipimo cy'ubusharire (pH) kiri hagati 5.5 na 7.

Urusenda rwera neza kandi ku butumburuke butarenze m 2000. Mu Rwanda ruhingwa cyane cyane mu burasirazuba ariko no mu bindi bice by'igihugu rurahaboneka. Ku giti kimwe cy'urusenda hashobora kweraho ibiro bigera kuri 25, bitewe n'ubwoko bw'imbuto.

3. Amoko aboneka mu Rwanda

Ubwoko	Ikiburanga
Bird-eye (kamurari) 	-Imbutu ndende
Habanero (Piripiri) 	-Imbutu zazo ni ngufi (imbundi). -Zifite ubukare bwinshi kurusha kamurari (iburide)
Teja, dandicut 	-Zifite imbutu ndende kandi zigurishwa zumye

Long cayenne 	-Imbuto ndende
Scotch bonnet (Piripiri) 	-Imbuto zazo ni ngufi (imbundi). -Zifite ubukare bwinshi kurusha kamurari.

4. Inyongeramusaruro zikenewe kuri ari imwe

- Umurama: gr 3
- Imborera: kg 250
- NPK 17.17.17: kg 4.7
- KCl: kg 0.5
- Ire: kg 1.3
- Ingemwe: 270

5. Gutegura ingemwe mu buhumbikiro

- ✓ Ubuhumbikiro bushyirwa ahantu hatigeze hahingwa ibihingwa byo mu muryango umwe n'urusenda (ibirayi, inyanya, intoryi, puwavuro n'ibindi) nibura mu bihembwe by'ihinga bibiri bishize.
- ✓ Ubuso bw'ubuhumbikiro bugomba kuba 1 % by'umurima wose uzaterwamo.
- ✓ Hategurwa ubuhumbikiro bufite ubugali bwa m1 kugeza kuri m1.2 n'ubujyejuru bwa cm 20 kugirango amazi abashe gusohoka mu butaka.
- ✓ Vanga amashyi atatu y'imborera iboze neza (ibiro 3-5) n'ubutaka bwo hejuru: amashyi 3 yuzuye (kg 3-5) kuri m² 1, na g20 za NPK 17-17-17 (udufuniko 2 tw'icupa ry'amazi) icyumweru 1 mbere yo guhumbika.
- ✓ Igihe cyo kwinaza, ringaniza ubutaka, uce imirongo yo kwinazamo ifite ubujyakuzimu bwa cm 0.5 kandi itandukanijwe na cm 10 - 15.
- ✓ Umurama ushyirwa muri ya mirongo yaciwe ku ntera ya cm 2 hagati y'imbuto; hanyuma hakarenzwaho agataka gacye bagatsindagira gahoro.




6. Imirimo ikorwa mu kwita ku buhumbikiro

- ✓ Gusasira hakoreshejwe ibyatsi byumye neza. Nyuma y'iminsi 7-10, ingemwe ziba zimaze kumera maze isaso igakurwaho.
- ✓ Vomerera mu gitondo kare na nimugoroba.
- ✓ Ubaka igisharagati ariko usige aho imirasire y'izuba inyura haboneke urumuri ruringaniye.
- ✓ Bagara buri gihe ndetse wicire ingemwe mu gihe zicucitse.
- ✓ Tera umuti urwanya indwara mu gihe ari ngombwa.
- ✓ Gabanya kuvomerera mu byumweru bibiri mbere yo kugemura.
- ✓ Ingemwe zigemurwa zimaze iminsi 45-60 nyuma yo kwinaza mu buhumbikiro (amababi 4-5).



7. Gutera ingemwe

- ✓ Umurima uhingwa neza ku bujyakuzimu bwa cm 30.
- ✓ Vomerera ingemwe mbere yo kuzitera uzitere mu gitondo kare
- ✓ Urusenda ruterwa ku ntera ya cm 60 hagati y'imirongo na cm 45 mu murongo.
- ✓ Cukura imyobo y'ubujyakuzimu bwa cm 15.
- ✓ Mu mwobo umwe hajyamo ifumbire y'imborera yuzuye amashyi n'agafuniko k'icupa ry'amazi kuzuye NPK 17-17-17.
- ✓ Shyira agafuniko ka fanta kuzuye neza ifumbire ya KCl mu myobo 4 mu gihe cyo gutera.
- ✓ Gemura ingemwe mu buhumbikiro witonze ku buryo uzamurana n'itaka rifashe ku mizi kandi ubikore mu gitondo cyangwa ku mugoroba, utere wirinda gukuraho itaka rifashe ku mizi.



8. Imirimo y'ingenzi yo kwita ku gihingwa

- ✓ Gusasira: bikorwa mbere cyangwa nyuma yo gutera.
- ✓ Kuvomerera: Bikorwa ukimara gutera bigakomeza igihe cyose ari ngombwa.
- ✓ Irinde gutosa amababi kugirango uburwayi butabona aho bworokera.
- ✓ Kongeraho Ire ingana n'agafuniko ka fanta kuzuye kadasendereye kuri buri gihingwa ku minsi 30 nyuma yo gutera.
- ✓ Kubagara: Bikorwa igihe cyose ibyatsi bibi bigaragara mu murima
- ✓ Kurwanya indwara n'ibyonnyi.



9. Gusarura no gufata neza umusaruro

- ✓ Urusenda rusarurwa iyo rweze neza
- ✓ Bitewe n'isoko urusenda rushobora gusarurwa rukiri rubisi cyangwa rumaze guhindura ibara bitewe n'ubwoko bwarwo
- ✓ Urusenda rugomba gusarurwa rufite inkondo
- ✓ Irinde gukomeretsa uruti rw'urusenda
- ✓ Bika umusaruro ahantu hakonje ukimara kuwusarura mu murima
- ✓ Umusaruro ushyirwa ahantu hapfutse kugira ngo udatakaza ubuhehere
- ✓ Si byiza kubika umusaruro w'urusenda hamwe n'ibihingwa bibyara etirene (ethylene) nk'imineke ihiye, pome, n'ibindi
- ✓ Gukoresha ibikoresho bipakirwamo bijyanye n'uburyo bwakoreshejwe mu guhunika (ibikarito bifunitse cyangwa ibisanduku by'ibiti cyangwa parasitike igihe bakonjesha

bakoresheje amazi cyangwa barafu, amakurete aciyemo imirongo yinjiza umuyaga ugenewe gukonjesha

- ✓ Umusaruro utwarwa mu masaha y'igitondo cya kare cyangwa aya nijoro kuko bishobora kugabanya gushyuhirana k'umusaruro upakiye mu modoka.



10. Indwara, ibyonnyi n'uburyo bwo kubirwanya

	Indwara/ Ibyonnyi	Ibiziranga	Uko bazirinda	Uko bazirwanya	Ibipimo by'umuti bikoresheya muri L20 z'amazi + Iminsi ikenerwa kugira ngo igihingwa cyatewe umuti gisarurwe (PHI)
1	Akaribata / Anthracnose 	-Akaribata ni indwara yangiza cyane urusenda rweze. -Agahumyo kagira ibidomo byirabura bivamo amazi. Ibi bidomo biboneka k'urusenda rukiri rubisi n'urweze. -Aka gahumyo gakwirakwizwa n'imbuta zirwaye.	-Gukoresha imbuta z'indobanure zitarwaye. -Kugirira isuku umurima bavanamo ibisagazwa by'urusenda nyuma y'isarura.	-Gukoresha ubwoko bwimbuta budafatwa n'indwara -Gukoresha umuti	-Chlorothalonil 50% WP: g 30-40. PHI: iminsi 7 -Copper oxychloride 50% WP: g50 PHI: iminsi 14 -Carbendazim: ml 20-25 PHI: iminsi 7
2	Kirabiranya iterwa na bagiteri	-Iyi ndwara akenshi ituruka mu butaka burwaye. -Irangwa n'uko igihingwa kirabirana	-Kubahiriza isimburanyabihingwa. -Guhinga ubwoko	Nta muti uhari Uvura ububurwayi. Ni ngombwa kubwirinda.	-

		kitahinduhe ibara cyane nkaho cyatemwe mu mizi. -Uruti rusohokamo umushongi w'umweru usa n'amata iyo urukase ukarushyira mu mazi.	bwihanganira ubu burwayi -Kurandura igihingwa cyanduye ukimara kubona ibimenyetso.		
3	Virusi z'urusenda (Imfunyarazi, mozayike, ...) 	-Ibimenyetso bya virusi ni ibi bikurikira: kugwingira kw'igihinga, kwikunja kw'amababi, kuma ibice by'amababi n'uruti, kubemba kw'amababi.	-Kurwanya udukoko dukwirakwiza ubu burwayi. -Gutera imbuto itarwaye	Nta miti yihariye yica virus. Ahubwo ukoresha imiti irwanya udukoko	- Lambda cyhalothrin: ml 20 PHI: iminsi 7 -Profenofos 40EC: ml 20 PHI: iminsi 21
4	Ububore bwo mu ndiba y'urubuto (Blossom end rot) 	-Indiba y'urusenda ihinduka umweru wijimye, uko urusenda ruhisha ahafashwe hahinduka umukara cg ikigina. -Ububore buterwa n'ibura ry'umunyungugu wa Calcium, bigaterwa cyane n'amazi make aba ari mu butaka. -Azote nyinshi mu butaka ishyira igihingwa mu murongo wo kwandura iyi ndwara.	-Kuhira witonze mu gihe cy'ubushyuhe humagaye cyane cyane mu cyiciro cyo kuzana urubuto. -Gukoresha ifumbire igereraniye. -Gushyira ishwagara mu butaka igihe ari ngombwa. -Gusasira Ubutaka kugirango bugumana ubuhere.	-Mu gihe bigaragara ko ubutaka bwawe busharira koresha ishwagara ibiro 25 kuri ari. yivange n'ubutaka ibyumweru bibiri mbere yo gutera	-

Icyitonderwa: Iyi mfashanyigisho yateguwe n’umushinga “HINGANA UBUZIRANENGE” ugamije kongera ubuziranenge bw’ibiribwa mu Rwanda. Uwo mushinga ushyirwa mu bikorwa n’Umuryango Nyarwanda Uharanira Inyungu Rusange Utegamiye kuri Leta “AGRIFOP” ku nkunga y’Umuryango w’Ubumwe bw’Ibihugu by’i Burayi “EUROPEAN UNION”.

Mu kuyitegura, hifashishijwe impuguke, abakozi ndetse n’imfashanyigisho zateguwe na Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi (MINAGRI), Ikigo cy’Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ubuhinzi n’Ubworozi mu Rwanda (RAB) n’abandi bafatanyabikorwa.